UMWIHERERO W'ABASEMINARI BAKURU BA DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO

Muri Diyosezi ya Nyundo birasanzwe ko iyo Abaseminari bakuru barangije ibiruhuko bagiye gutangira umwaka w'amashuri, bahurira kuri Diyosezi bose bagahabwa inyisho zibategurira gusubira ku masomo, inyigisho zibinjiza mu murongo w'iyogeza butumwa wa Diyosezi,baha kandi Umwepisikopi rapport y'ubutumwa yabaye mu biruhuko bakoze. Nuko bagasoza bahabwa impanuro n'Umwepisikopi abaha umugisha kandi abohereza ku masomo.

Muri uyu mwaka rero, guhera tariki 25kugeza 28 Nzeli 2017,Abafaratri ba Diyosezi ya NYUNDO bose uko ari 63 bahuriye ku Nyundo.

Ahangaha barangije inyigisho bari bateguriwe, nuko bafata ifoto bakikije Nyiricyubahiro Anaclet MWUMVANEZA Umushumba wa Diyosezi ya NYUNDO wari umaze kubaha impanuro.

Padiri Laurent NGENDAHAYO Umuyobozi wa Seminar into yo ku NYUNDO akaba afite mu nshingano ze kwita ku baseminari bakuru niwe watangije umwiherero wabo. Awuha insanganyamatsiko igira iti**:«... Nuko basiga se Zebedeyi mu bwato,hamwe n'abakozi be baramukurikira...(Mk1,16-20).»** Yakomeje kubafasha kuzirikana kuri iyo vanjili cyane cyane abasaba kuzirikana uko umwigishwa wa Yezu agomba kuba ameze. Mu rwego rwo kubinjiza mu murongo w'ikenurabushyo wa Diyosezi yacu Padiri Fabien RWAKAREKE,Chancelier akaba ashinzwe n'imirimo y'iyogezabutumwa, yabahaye ikiganiro gifite insanganyamatsiko igira iti**: «Guha agaciro isano yacu».** Yatangiye ababwira ko isano yambere ari iyo dufitanye

n’Imana,hagataho isano dufita hagati yacu twebwe nk’abantu twese. Yashimangiye isano dufitanye nk’abavandimwe muri Yezu Kristu ko isumba izindi zose. Ko nibamara kumva iyo sano dufitanye ari bwo bazamenya isano bafitanye n’abo bazatumwaho babayobora ku Mana Data wa twese.

Bahawe kandi ikiganiro kubijyanye n’imigenzo myiza iranga umuseminari muri iki gihe turimo. Padri Claver NKUNDIYE, umupadiri wungirije wa paruwasi ya Gisenyi yifashishije (1Tm 3,1-13) yabafashije kuzirikana ku migenzo myiza yaranga umufaratri wa Diyosezi ya NYUNDO, ari we Musaseridoti w’ejo. Baganirijwe kandi na Padiri Thaddee MUSABYIMANA, umunyakigega wungirije wa Diyosezi ya NYUNDO. Yababwiye muri rusange icyerecyezo Diyosezi ifite mu byerekeye gucunga umutungo,anababwira ko bigamije mbere nambere icyenurabushyo; aboneraho kubabwira ko dufite intego yo kubyaza umusaruro ibihari dufite no gukoresha neza umutungo dufite.

Mu ijambo rye Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA,Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, yatangiye ashimira buri wese kandi amuha ikaze mu cyiciro agiye gutangira. Abashimira ko bumva ko bakoze umuryango umwe. Yakomeje ababwira ko Diyosezi ya NYUNDO iracyakeneye Abasaseridoti; aboneraho kubabwira ko bagomba kwiga babishyizeho umwete. Yakomeje ababwira ko umubare wabo ari ishema kuri Diyoszi,ariko ko bagomba kuba indakemwa muri byose; biga neza, bakoresha impano zabo zinyuranye aho bari kumwe n’abandi,bafashanya mu buzima bunyuranye babamo. Yongeye kubashishikariza ku garuka ku muhamagaro wabo batekereza ku isano bafitanye n’Imana ndetse n’iya bagenzi bacu kuko muri uyu mwaka tuzarushaho kwita kukituranga n’ikiduhuza n’Imana, n’abagenzi bacu. Umufaratri witegura kuzaba Umupadiri nibyiza ko abamubona bamubonamo Yezu koko. Muri iy’isi ya none abantu bihugiyeho cyane,Padiri rero agomba kubanza kureba abandi akireba nyuma, namwe rero nuko bimeze mu byitoze hakiri kare. Yarangije abashimira ibyo bagezeho, abasaba ko ibyo biyemeje babikora neza. Yakomeje ababwira ibyazabaranga mu buzima bwabo bwose**: la Science, la Santé et la Sainteté**. Abashishikariza kuba intangarugero mu byiza byose aho bari, kandi abasezeranya ko atazahwema gushyigikira ibyiza bifitemo. Yarangije ababwira ko azakora gahunda akazabasura ku mashuri yabo areba uko bamerewe. Nuko abaha umugishwa.

Nyuma yaho bakomereje mu busabane n’abaseminari bato, barumuna babo mu mikino inyuranye, n’Umwepisikopi yari ahari.

Padiri Jean Marie KWIZERA